Ihame ryo kwiyobora
Ibipimo

"Ineza y' umwami ayigirira umugaragu ukorana ubwenge, ariko umujinya we awugirira ukora ibiteye isoni." Imigani 14:35

Byandistwe na rwiyeme-zamirimo, John E. Schrock

Ca akarongo ku ijambo rikuru wabonye muri iri hame.

Guca ahatemewe… ni ukwambuka imbibi zibyemewe kandi bikwiye, cyangwa kwitwara nabi, cyangwa gucengera ukarenga imbago zashyizweho. Igiteye amatsiko kandi nuko yesu adusaba gusenga ngo, " kuko nimubabarira abantu ibyaha byabo, na so wo mwijuru azababarira namwe" (Matayo 6:14). Kuva rero gucengera bivuga kurenga imbibi , ubwo rero hagomba kuba ibipimo cyangwa uruzitiro tugenderaho. Mu gihe imbibi z'uruzitiro zitagaragara neza, dushobora gucengera tutabizi. Ubwo rero, nkuku mu migani habivuga, "Ineza y'umwami ayigirira umugaragu ukorana ubwenge." Ibi bivuze ko umwami yari afite intego ndetse ni bipimo ku bakozi, ubwo rero bari bazi uburyo bwo kumunezeza.

Utamenye ubushake cyangwa intego y'umwami, ntibishoka ko byombi byaba ugushaka kwacu. Mu gihe umwami cyangwa ikigo runaka kitaduhaye amabwiriza ngenderwaho afite umurongo uhamye ku murimo ndetse n'intego zawo, abakozo ntibashobora kumenya umusaruro bagize. Dushobora gupima ibyo twateganyije gusa. "ineza y'umwami igirirwa umugaragu ukorana ubwenge." Abagaragu bashobora gushimisha umwami mu gihe yababwiye ibyo yifuza kubona, ubwo rero mbere yuko dushyiraho imihigo, tugomba no kugena intego zisobanutse kandi zifite ibipimo biboneye. Ibi bizaduha icyerekezo kizima kubyo tugiye gukora, ndetse nu bwisanzure bwo gukorera muri izi mbibi.

Mu gihe twifuza ko abantu batworohera, natwe ubwacu tugomba kubanza tukiyorohera. Kubigeraho rero, nuko tugomba kubanza kugira ibipimo bihamye hamwe n'imbibi zikikije abatuye iruhande rwacu. Abana bacu bazishimira kutwubaha

gusa ari uko basobanukiwe na mabwiriza ndetse ni ntego yacu. Ibi bibafasha kwisanga muri uyu muyoboro. Ntabwo dushobora guhana uwari wese twibwira ko yakabaye azi amakosa ye, naho ubundi azumva afatwa nk'umuretwa. Ntawe ushobora gukora atazi ikimugomba, cyangwa ikigamijwe. Mu gihe umusaruro upimishijwe ibyo bawitezemo kandi impande zombi zikaba zizi intego yuwo murimo, akazi gahinduka nk'ubufindo .Maze bikaba "twebwe" aho kuba "bo"; biba ikipe y'ikigo na bakozi. Hari ibice bimwe mu buzima bwacu bishobora kuba bisa nkaho boshaje, ariko ahanini abantu ntibakagombye gushidikanya kucyo baricyo nicyo biteze. Ibi bidufasha gusobanuka, maze wa mukino wo guhuzagurika ukarangira. Imana rero ifite umurongo uhamye wibyo yiteze ku bana bayo, kandi inafite ibihembo bihebuje ku musaruro tuzageraho.

Igice cya kabiri mu gitabo cy'imigani kiravuga ngo" …umujinya we awugirira ukora ibiteye isoni." Aha dusanga rero abakozi benshi bubaha abakoresha babo iyo intego n' umurongo w'ikigo byasobanuwe bihagije. Bashobora kutemeranya natwe igihe cyose, ariko ntibibabuza kutwubaha. Usibye ko hari ibyigenge bike bihakanya buri kimwe

ndetse na buri wese. Ntabwo bajya bameya ubworoherane. Igishimishije ni uko nibo bake mu miryango dutuyemo, ariko kandi barakaza umwami—kandi bagomba gukanirwa urubakwiye. Mu gihe imiryango yacu cyangwa abakozi bacu baturakariye, tugomba kwibaza:

1) Ese ibyo nteganya byaba bindenze cyangwa ntabwo bishoboka?

2) Ese ibipimo byanjye byaba byagutse bihagije ku buryo bimpa ubwisanzure?

3) Ese imyumvire yanjye yaba ari myiza mu kubiyobora?

Niba ibi byose byakozwe neza, icyo gihe kuyoba biba gake. Ariko kandi dushobora kugira "ibyigenge" badacengera gusa ahubwo bitwara nabi, hanyuma baka" …birakaza umwami."

Reka dukore ibitureba dushyiraho imipango n'ibipimo, cyangwa abantu bavuga go tutaborohera.

Iri hame rigufasha mu kubaka kamere yawe mu gihe cy'umwaka umwe:

Umusingi ku byagezweho

Ibabazo byo kwibazaho:

Byaba ari igisebo gikomeye kugira amafuti akonona byose.

Isuzume Kuva kuri 1 kugera 10	1	2	3	4	5	6	7	8	9	10
Kuki wihaye aya manota										
Nizihe nyungu azabona mu gihe uzamuye amanota yawe?										
Ese ni kihe gikorwa wakwitoza mu ku geragaza inyungu ziri hame?										
Ingengabihe kw' ihame usoma buri munsi	M	K	G	K		G	G		C	

Completed ☐   Not completed ☐